**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA**

**KARONGI**

# ICYEMEZO GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA.

**Umwaka w'ibuhumbi bibiri na cumi na karindwi, umunsi wa ...14......., ukwezi k'Ugushyingo.**

Twebwe **KANYARUKIGA Jacques**, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa KARONGI
Dufashijwe na **MANIRARORA Louise** umwanditsi warwo ;

Tumaze kubona ko kuwa **03/08/2017** Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Karongi bwaregeye uru Rukiko dosiye **00215/IPRL KARO/2017/EM/ANS** buregamo GAHINDA Aphrodis, NGAYABERUYE Jean, BAVUGIRIJE Ferdinand, GAHIRE Damascene, NTEZIRIZAZA Vedaste, RAZARO Frodouard na NTAWIYANGA Edouard, icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa umuntu ku bushake bigatera urupfu, dosiye muri uru Rukiko ikandikwa mu gitabo cy'ibirego kuri **RP 00165/2017/TGI/KNG** ;

Tumaze kubona ko uwitwa **BAVUGIRIJE Ferdinand mwene GAFUKU na KANKUNDIYE, utuye** mu Kagali ka **MWENDO**, Umurenge wa **MUKURA,** Akarere ka **RUTSIRO**, Intara **y'Iburengerazuba**, atigeze afatwa ndetse ngo anabazwe ku birebana n'icyaha akurikiranyweho, ahubwo akaba yaratorotse ubutabera.

Tumaze kubona ko **BAVUGIRIJE Ferdinand** adafite aho abarizwa hazwi kandi akaba agomba kuburanishwa.

Dushingiye ku ngingo ya 212 n' iya 213 z'itegeko nomero 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha nk'uko ryavuguruwe kandi rikuzuzwa kugeza ubu ;

Dutegetse ko **BAVUGIRIJE Ferdinand** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Karongi kuwa **16/01/2018** saa mbili za mu gitondo aho ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba hagafatwa ko yasuzuguye amategeko.

Dutegetse ko iki cyemezo gitangazwa mu kinyamakuru **imvaho nshya** mu gihe cy'iminsi umunanu (8 jours) kandi kikamanikwa ku biro by'Akagali ka **MWENDO**, ku biro by'Umurenge wa **MUKURA** no ku biro by'Akarere ka **RUTSIRO**.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa kuva umunsi cyafashweho.

Bikorewe i Karongi, ku munsi ; ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**KANYARUKIGA Jacques**
**Umucamanza**

**MANIRARORA Louise**
**Umwanditsi**